	Uburyo bwo gukusanya, gutunganya no gukwirakwiza amakuru kuri filiyeri y'imbuto mu Rwanda	Kode y'inyandiko: 41KR126I135v0
	IGICE CYA 4: UBUMENYI BW'IMIKORERE MU BYA TEKINIKI	Itariki yo kujyanisha inyandiko n'igihe UKUBOZA 2007
IFISHI IRANGA ITUBURA RY'IMBUTO ZIFITE ICYEMEZO : Ibishyimbo bishingirirwa		Inyandiko ikomatanyije

Inkomoko y'inyandiko	Projet AFSR

Itariki inyandiko yasohokeyeho	Ukwakira 2007

Umubare w'amapagi	4

IFISHI IRANGA ITUBURA RY'IMBUTO ZIFITE ICYEMEZO *(Semences certifiées)*

IBISHYIMBO BISHINGIRIRWA

Ibishyimbo bishingiririrwa G 2331



1. AHO BIHINGWA

1.1. Akarere :

Ibishyimbo bishingiririrwa bihingwa mu Rwanda hose ku butumburuke buringaniye no mu misozi miremire kugeza kuri m 2300. Ariko guhera ku butumburuke bwa m 2000, ubutaka buhinzweho ibishyimbo buragabanuka bugahingwaho amashaza.

1.2. Ubutaka:

Ibishyimbo bishingiririrwa bisaba ubutaka burebure, bworoshye kandi bufite ibitunga ibihingwa byinshi. Ni ngombwa kwirinda guhinga mu bishanga byuzuye amazi.

1.3. Umurima bihingwamo :

- Nyuma yo gutera, urangwa n'icyapa cyanditseho : izina ry'imbuto, itariki itereweho, icyiciro cyayo, ubuso bw'umurima, na nomero ziranga umuhinzi n'umurima.
- **Intera iwutandukanya n'indi mirima :** m 10 uvuye ku mirima urimo andi moko cyangwa ubwo bwoko ariko butarobanuwe.

2. UKO BISIMBURANA N'IBINDI BIHINGWA

Umurima utuburirwamo ibishyimbo bishingiririrwa ugomba kuba udaherukamo ibishyimbo cyangwa ibindi binyamisogwe, nibura mu gihe cy'igihembwe kimwe**.** Ibishyimbo bishingiririrwa bikurikira ibinyabijumba cyangwa ibinyampeke.

3. IBIRANGA AMOKO ABONEKA MU RWANDA

UBWOKO	IBIBURANGA			
	Uko babwita mu Rwanda	Akarere bukunda	Igihe bwerere	Umusaruro (Toni kuri hegitari)
G 2331	Mamesa	MA, HA	100 – 120	3 - 4,5
CAB 19	Akezakarigura	MA	94	3 – 4
RWV 296	Amakwamirire	MA	84	2 – 4
RWV 524	Masoyinyana	HA	118	3,5 – 4
CAB 2	Nyiramata	HA	130	3 - 4,5
Decelaya	-	MA, HA	80 – 100	3 - 3,5
RWV 167	Ndamirabashonji	MA	87	3 - 4,5
Ngwinurare		MA, HA		2,5 – 3
RWV 1129		MA		2 - 3,5

UBWOKO	IBIBURANGA			
	Uko babwita mu Rwanda	Akarere bukunda	Igihe bwerere	Umusaruro (Toni kuri hegitari)
Flora (59/1-2)		HA		

Izindi mbuto zakwirakwijwe: Vuninkingi (G 685), Umubano (G 2333), Cajamarca, Gisenyi 2 bis, Puebla
BA : Imisozi migufi, MA : Imisozi iringaniye ; HA : Imisozi miremire

4. UBURYO IMBUTO ZIHINGWA

4.1. Itera

- Hakoreshejwe **imbuto shingiro** zo mumufungo umwe zabanje guterwamo umuti witwa Super Homaï (g 5 ku kiro) cyangwa Fernasan D (g 3 ku kiro) cyangwa na none g 2 za Thiram + g 1 za Benlate ku kiro cy'imbuto cyangwa indi miti yica udukoko iboneka mu Rwanda.
- Igihe cyo gutera : Kuva mu kwezi kwa Nzeri kugeza mu kwezi k'Ukwakira hagati mu gihe cy'ihinga A, no mu kwezi kwa Gashyantare kugeza muri Werurwe hagati mu gihe cy'ihinga B mu bihe by'imvura. Ariko akenshi gutera mbere ni byo byiza.
- Igipimo cy'imbuto : kg 60 kugeza kuri kg 80 kuri hegitari
- Umwanya hagati y'ibihingwa : Intete 2 mu mwobo zitandukanijwe na cm 50 hagati y'imirongo na cm 20 ku murongo.
- Ubujyakuzimu : cm 3 kugeza kuri cm 5.

4.2. Ifumbire no gutunganya umurima

- Iyo igihingwa cyabibanjirije kitabonye ifumbire, gushyiramo ifumbire y'imborera toni 15 kugeza kuri 20 kuri hegitari mw'itabira.
- Bitewe n'ubutaka bwagundutse, gushyira ibiro 100 by'ifumbire ya DAP kuri hegitari mugihe cy'itera.

4.3. Gukenura no kuvanamo amoko adacyenewe

- Kubagara iminsi 22 nyuma y'itera hagakurikiraho isukira mugihe ibihingwa bifite amababi 4 kugira ngo harwanywe isazi y'ibishyimbo.
- Gushingirira ibishyimbo bikimara kuzana urugoyi rwa mbere, igishingirizo 1 gifite nibura m 2 ku myobo 2 ifite ibihingwa 4.
- Kubagara bwa kabiri ibishyimbo bimaze kuzana ururabo iminsi 60 nyuma yo gutera mbere y'uko imisogwe ikomera.
- **Kuvanamo andi moko** ni ngombwa kugira ngo havanwemo ibihingwa bisa ukwabyo (hors-type) cyane cyane ibihingwa byafashwe n'indwara yo kubemba n'iya bagiteriyoze.

4.4. Igenzurwa ry'umurima

- Kugenzura umurima mu gihe ibishyimbo bifite ururabo kugira ngo hasuzumwe uko umurima watandukanyijwe n'iyindi no kugira ngo barebe ko bidafite indwara yo kubemba.
- Igenzura rya 2 rikorwa igihe ibishyimbo bimaze kwera kugira ngo bamenye neza ibiranga ubwo bwoko no kumenya niba hari ndwara zishobora gukwirakwizwa n'imbuto.
- Ingero ngenderwaho ziteganywa : Ibihingwa bisa ukwabyo (iby'ubundi bwoko, ibyibanguriye cyangwa byivanze n'ibindi, ibihindugembe) ntibigomba kurenza 2% , naho ibishyimbo birwaye kubemba cyangwa bagiteriyoze ntibigomba kurenza 5% .

4.5. Kurwanya indwara n'ibikoko byangiza

- Isazi y'ibishyimbo (Melanagromiza phaseoli) : Gukoresha imbuto zahungiwe nk'uko byasobanuwe haruguru (mu 'Itera') gusukira kare.
- Bagiteriyoze: Gukoresha imbuto z'indobanure nzima z'amoko adashoborwa n'indwara
- Ukubemba : Gukoresha amoko adashoborwa n'indwara, gutera umuti wica udusimba inshuro 2 hakoreshejwe uwitwa Diméthoate 40%EC (ml 15 muri l 15 z'amazi kuri ari 1) cyangwa undi muti wica udusimba.

5. GUSARURA, GUHUNGIRA NO GUHUNIKA

- Isarura ry'ibishyimbo rikorwa bimaze kwera neza, imisogwe imaze kuba ikigina

Gusarura umusogwe umwe umwe (mu gihe kirekire kandi gikurikiranye)

- Nyuma yo kwanika birahurwa imbuto z'ibishyimbo zikanikwa ku zuba kugeza zumye neza.
- Gutoranya, gupima, kubipfunyika no komekaho udupapuro twanditseho ibi bikurikira : izina ry'imbuto, igihe yerera, umusaruro, aho ihingwa nomero y'umufungo w'imbuto n'ibiro.
- Uzuza kandi wohereze uru rupapuro rwo **kumenyekanisha umusaruro**.
- Kurinda imbuto z'ibishyimbo imungu, bakabihungira bakoresheje umuti witwa Actellic 2% gushyira g 2 ku kiro kimwe cy'imbuto.
- Imifuka igomba kuba itondetse ku buryo ugenzura ashobora kuyigeraho yose.

6. IBIPIMO NGENDERWAHO BY'UBUZIRANENGE

Umufungo w'imbuto z'ibishyimbo bishingirirwa zifite icyemezo ugomba kuba wujuje ibipimo ngenderwaho bikurikira :

- Ubwimerere bw'ubwoko ntibugomba kuba kugipimo kiri munsi ya 98% ;
- Ubwimerere bw'igihingwa ntibugomba kujya munsi ya 98%
- Imbuto z'indobanure zishobora kumera, ntizigomba kujya munsi ya 85% ;
- Ubuhehere ntibugomba kuba hejuru ya 15% ;
- Imbuto zifite ububore ntizigomba kurenga 2%.

7. IBIJYANYE N'UBUKUNGU

Igiciro cy'ibikorwa kuri hegitari		**Ingano**	**Igipimo**	**Igiciro kuri buri gipimo (frw)**	**Igiciro cyose hamwe (frw)**
Abakozi		500	Umubyizi	500	250000
Imbuto		70	Ikiro	450	31500
Ifumbire y'imborera		15000	Ikiro	10	150000
Ifumbire mvaruganda					
	DAP	100	Ikiro	280	28000
Imiti					
	Diméthoate	3	Litilo	6000	18000
Igiciro cyose *FRw/hegitari)*					**477500**
Umusaruro					
Umusaruro ku mbuto *(FRw/hegitari)*		2500	Ikiro	300	**750000**
Inyungu *(FRw/kuri hegitari)*					**272500**
Igicuruzo *(FRw ku kiro)*					**191**

8. ICYITONDERWA CYA NYIRUBWITE

IBISHYIMBO BISHINGIRIRWA : Uko bihingwa

Umunsi

Guhitamo no gutegura umurima : bibanzirizwa n'ibinyabijumba cyangwa ibinyampeke, bitandukanwa n'ibindi na m 10 / Kurima /amasinde

HAR DECELAYA
10/09/06
Imbuto yemewe kuri 3 hegitari
N° HAR/05/07B
N° imenyekanisha umuhinzi

Aho imbuto zigurirwa : Imbuto shingiro zihungiye zigurirwa mu bigo byemewe cyangwa mu bikorera kugiti cyabo bemewe

1

Itera : Itabira + gutera ifumbire y'imborera toni 15 kugera kuri 20 kuri hegitari , gutera imbuto ku ntera ya cm 20 ku murongo na cm 50 hagati y'imirongo. Intete 1 mu mwobo (kg 60 – kg 80 kuri hegitari) na kg 100 za DAP kuri hegitari.



21

Kumenyekanisha igihingwa Bitarenze ibyumweru 3 kuva igihe cy'itera mu ishami rya RADA rishinzwe igenzura n'ibyemezo (BP 538 Kigali)

Ibagara rya 1 : igihingwa gifite amababi 4 (uburebure nibura bwa cm 8)

Gushingirira : Igiti kimwe ku myobo 2 (ku rugoyi rwa mbere).

Igihe cy'iraba

Igenzura rya 1 kugira ngo byemerwe

60

Ibagara rya 2 : Ibagara n'isukira kg 200 kuri hegitari za NPK 17-17-17 gutera inshuro 2 umuti wica ubusimba : Diméthoate 40%EC ml 15 kuri L15 z'amazi kuri ari (litiro 1,5 kuri hegitari)

65-80

Iyera ***(maturation)***

85-100

Iyera n'isarura : Byeze neza imisogwe yabaye kaki, imbuto zidashobora gupfumurwa n'urutoki, gusarura umusogwe umwe umwe.

Isura rya kabiri ry'isuzuma kugira ngo byemerwe

Kubyanika Kubyanika mu minsi 4 kugera kuri 5, bigakurikirwa no guhurwa. Uzuza kandi wohereze uru rupapuro rwo **kumenyekanisha umusaruro**.

Gutunganya imbuto no kuyihunika : Kubyanika no kubitera umuti wa Actellic 2% (g ku kilo cy'imbuto). Kuzipfunyika no gushyiraho icyapa kibiranga.

Gukomeza gukuramo izindi mbuto kugeza byeze

ICYAPA

Umuhinzi : ……
Imbuto y'ibishyimbo bishingirirwa ifite icyemezo /Var Decelaya
Igihe yerera : iminsi 80-100
Umusaruro : toni3-3,5kuri hegitari
Mu misozi iringaniye n'imiremire
N° 05/07B/Masogwe/10/C
Itariki : ……
Kg 25